

Janet T. Mills
Governor

Jeanne M. Lambrew, Ph.D.
Commissioner



Maine Department of Health and Human Services
Child and Family Services
11 State House Station
2 Anthony Avenue
Augusta, Maine 04333-0011
Tel.: (207) 624-7900; Toll Free: (877) 680--5866
TTY: Dial 711 (Maine Relay); Fax: (207) 287--6308

Impamvu: Gusaba amakuru y'utanga serivisi atarabiherewe uruhushya

K'utanga serivisi:

Ikaze muri Gahunda y'inkunga yo kwita ku bana ya Minisiteri y'ubuzima na imibereho myiza y'abaturage. Iyi gahunda ifasha mu kwishyurira umwana ku miryango yemerewe guhabwa inkunga bitewe na amafaranga yinjiza, ifite akazi cyangwa yitabira gahunda y'uburezi yemewe. Garura ipaki yometseho mu by'Umweru bibiri uhereye ku itariki wakiriyeho iyi baruwa.

Utanga serivisi agomba kuba afite byibuze imyaka 18. Abatanga serivi zo kwita ku bana ntabwo batura hamwe na aho abana batuye.

- Amasezerano yuzuye y'utanga serivisi
- Urupapuro rukubiyeho amakuru y'utanga serivisi zo kwita ku mwana
- Ibaruwa yemeza ko wakorewe igenzurwa rigaragaza ko nta byaha wakoze itangwa na OCFS (Ibigo by'imyidagaduro bigomba kuba bifite dosiye irimo amabarurwa agaragaza ko abakozi bose bakora mu buryo butaziguye bakorewe igenzura ry'amateka bakaba bemerewe)
- Ifishyi y'utanga serivisi muri Leta ya Maine mushya
- Tanga kopi itanditseho y'urupapuro rw'abinjira na abasohoka
- Amahugurwa atangirwa ku buzima na umutekano atangirwa kuri interineti agomba gusozwa mu minsi 90 nyuma yo kuba utanga serivisi wemejwe na CCSP.
- Niba wifuzaga ko amafaranga y'inkunga y'uburere bw'umwana ahita ashirwa kuri konti yawe, uzuzaga ifishi yometse hano maze wongereho sheki wanditseho ko idakoreshejwe cyangwa ibaruwa yatanzwe na ikigo cy'imari igenzura amakuru ya konti yawe.
- Ibipimo by'ibiciro byo kwita ku mwana ku isoko, ibipimo ntarengwa (byometesho)

Inkunga y'iyi gahunda ni nkeya. Iyo umubyeyi cyangwa umwishingizi bemerewe inkunga ariko amafaranga akaba adahari, amazina yabo ashirwa ku rutonde rw'abategereje kugeza amafaranga y'inkunga abonetse.

Uramutse ufite ikibazo icyo ari cyo cyose, wahamagara 1-877-680-5866, CCSP.DHHS@maine.gov

Kugira ngo ugere ku rubuga rwa gahunda y'inkunga yo kwita ku burere bw'abana, sura:
<http://www.maine.gov/dhhs/ocfs/ec/occhs/step.htm>

Murakoze,
Impuguke mu mutungo w'imari



AMASEZERANO Y'INKUNGA IGENERWA UWITA KU BURERE BW'ABANA ATAGOMBA KUBISABIRA URUHUSHYA

Kugira ngo uwita ku burere bw'abana yemererwe gukora nta ruhushya abisabiye (aha n'ukuvuga uwita ku burere bw'abana adafite uburenganzira bwo gutanga serivisi zo kwita ku burere bw'abana), abita ku burere bw'abana bagomba kuba mu bantu bakurikira:

1. **Uwita ku burere bw'abana afite inzu akoreramo** bivuga Uwita ku burere bw'umwana atabisabiye uruhushya, akaba afite imyaka cumi na umunani (18), atuye muri Maine kandi akaba yita ku burere bw'abana batarenze babiri (2) akabikorera aho umwana atuye.
2. **Uwita ku burere bw'abana atagombye kubisabira uruhushya** bivuga k'Uwita ku burere bw'umwana atagombye kubisabira uburenganzira yita ku bana batarenze babiri (2), afite imyaka cumi na umunani (18) y'amavuko, atuye muri Maine ariko adatuye mu nzu akoreramo.
3. **Gahunda yo kwidagadura** bivuga uwita ku burere b'umwana atabisabiye uburenganzira ndetse atanatuye aho akorera nkuko bigenwa na amategeko agenga ibijyanye no kwita ku burere bw'abana.

UWITA KU BURERE BW'ABANA AGOMBA KWEMERA GUKORA IBIKURIKIRA BYOSE:

1. Abita ku burere bw'abana bagomba kwita ku burere bw'abana nk'uko biteganwa Kandi hakurikijwe amategeko ya Leta yo gutera inkunga gahunda yo kwita ku burere bw'abana.
2. Buri myaka 5, Uwita ku burere bw'abana ubifitiye uruhushya ndetse na uwita ku burere bw'abana atagomba kubisabira uburenganzira (hakuwemo abita ku burere bw'abana bafitanye isano) basabwe kugenzura niba nta byaha byakozwe mu gihe cyahise na abakozi bafite kuri ubu ndetse n'abo bateganya guha akazi mu gihe kiri imbere, abantu bakuru batuye mu gace umurimo wo kwita ku bana ukorerwamo, abantu bose bagira uruhare mu kwita ku bana cyangwa se bahura n'abana nta wundi muntu bari kumwe, n'uwita ku burere bw'abana nk'uko biteganwa n'itegeko ry'igihugu (45 C.F.R. § 98.43). Uwita ku burebe bw'abana, nyiri iyo serivisi, umuyobozi, n'abakozi bose bita ku bana mu buryo butaziguye bagomba kuba bafite dosiye irimo ibaruwa igaragaza ubudakemwa mu mico no mu myifatire byabo kandi ikaba yagaragarizwa abagenzuzi. Kopi z'amabaruwa y'ubudakemwa zigomba koherezwa muri Gahunda y'inkunga no kwita ku burere bw'abana mbere y'uko ibihembo by'ababyeyi bitangwa. Ababyeyi basabwe kwishyura abashinzwe kwita ku burere bw'abana kugeza igihe ibihembo by'ababyeyi bitangiwe. Ntabwo Gahunda yo Gushyigikira Umurimo wo kwita ku Burere bw'Abana yishyura ibirarane (CCSP).
 - a. Ukoresheje mushakisha y'urubuga kuri mudasobwa yawe, jya ku <https://www.identogocom/>, manuka hasi kuri "Find the nearest Identogo center" (kubona ibiro bya Identogo biri hafi yawe) ushakishe ukoresheje iposita cyangwa "Search for services by state" kugira ngo ushakishe ukurikije leta. Hitamo "Digital fingerprinting".
 - b. Niba udafite interineti, wahamagara numero itishyurwa (855)-667-7422 ugahabwa umunsi wo kubonana. Nuhamagara, urasabwa gutanga amakuru aho kwiyuzuriza izi ntambwe ubwawe.
 - c. Kanda kuri "Schedule a New Appointment" maze uhitemo ururimi wifuza gukoresha (Icyongereza cyangwa icyesipanyolo) kugira ngo ushyirwe kuri gahunda yo kubonana.
 - d. Hitamo umukoresha ukwiye cyangwa ibiro bishinzwe gutanga uburenganzira (DHHS Child Care) nk'izina ry'ikigo ukoresha ubundi ukande "go".

- e. Hitamo ubwoko bw'usaba bukwiye (Ikigo Cyemerewe Kwita ku Burere bw'abana mu Muryango, cyangwa Uwita ku burere bw'abana atagombye kubisaba) maze ukande "go".
 - f. Hitamo impamvu ushaka ko bagufata ifoto y'igikumwe, OCA, cyangwa imibare ikuranga nk'uko bisabwa n'umukoresha wawe cyangwa ikigo gitanga uruhushya maze ukande "go" nyuma ya buri kimwe.
 - g. Hitamo ahantu ushaka ko wafatirwa ifoto y'igikumwe. Ushobora guhitamo akarere muri leta, kanda ku ikarita cyangwa winjize iposita kugira ngo ubone urutonde rw'ahantu wifuza. Kanda "go".
 - h. Kanda ku magambo, "Click to Schedule" wifashishije ahantu wifuza kwifatishirizaho ifoto y'igikumwe ku munsu runaka. Niba wifuza umunsu uri imbere, kanda ku ihuza rya "Next Week" kugira ngo ubashe kubona andi matariki. Numara guhitamo ahantu na itariki, hitamo isaha wifuza kubonana ubundi ukande "go".
 - i. Uzaza ipaje igaragaza umwirondoro. Ahagomba kuzuzwa hose hari akamenyetso (*). Numara kubyuzuzwa ukande kuri "Send Information".
 - j. Emeza amakuru. Kurikira amabwiriza ari kuri ekara niba hari ibyo ushaka guhindura. Numara kubona ko amakuru ari yo ukande "Send Information".
 - k. Itwaze ipaje yawe ikwemerera.
 - l. Itwaze ibyangombwa bikuranga byemewe biboneka mu rwandiko wabonye rukwemerera kubonana. Aya mahitamo y'inyandiko zemejwe agaragazwa ku rwandiko rukwemerera kubonana.
 - m. Gerera aho ugomba kubonanira ku itariki n'igihe wagenewe cyo kubonana.
 - n. Umukozi ushinze kwandika azasuzuma ibikuranga, arebe ukuri kw'amakuru akureba, azenze niba warishyuye, afate ifoto y'igikumwe, maze yoherere amakuru yawe. Ubusanzwe ibi ntibitwara iminota irenze itanu.
 - o. Uzahabwa inyemezabwishyu iriho umukono umaze gufatwa ifoto y'igikumwe kandi ishobora kohererezwa ikigo ukorera.
 - p. Tanga muri CCSP kopi y'ibaruwa yawe iy'ubudakemwa.
3. Abantu bose bita ku burere bw'abana, abarezi n'abayobozi bafite aho baturira n'abita ku burere bw'abana (hakuwemo abita ku burere bw'abana bafitanye isano) bagomba kuba bafitiye byibura Intambwe ya Mbere (1) Ibipimo by'ubuziranenge bikubiye mu Nzira zigana ku Buziranenge muri Maine kandi barakurikiye kandi bakarangiza amahugurwa yo kwimenyereza yemejwe n'Ishami akubiyemo, byibura Amabwiriza y'Ubuziranenge yerekeye Ubuzima n'Umutekano akurikira kandi bikaba mu minsi (90) uhereye ku munsu batangiriye gukorana n'abana nk'uko biteganywa n'itegeko ry'igihugu (45 C.F.R. § 98.41).
 - a. Susura Inzira zigana ku Buziranenge muri Maine kuri <https://mrtq.org/> ubashe gukurikirana ku buntu amahugurwa y'amasaha 6 ku Mabwiriza y'Ubuzima n'Umutekano cyangwa amahugurwa ngarukamwaka usura.
 - b. Ku byerekeye amahurwa y'abita ku burere bw'abana na/cyangwa ubufasha tekinike, Umurongo wo Gukoresha cyangwa ubufasha mu gukumira, kwirukanwa no guhagarikwa wahamagara (844) 209-5964 cyangwa ugasura mrtq.warmline@maine.edu
 4. Abita ku burere basabwe kumenyesha Leta yagenenwe, Intara cyangwa ubwoko runaka ibikomere bikabije cyangwa urufu rw'abana rwabereye ahatangirwa uburere bw'abana.
 5. Abatanga uburere bagomba kumenyesha byihutirwa Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage indwara zose zishobora kwanduza cyangwa ikintu cyose gishobora guhungabanya ubuzima rusange bw'abantu.

6. bivuga ko abakozi bita ku burere bw'abana bagomba kumenyekanisha ikintu cyose cyerekeye ihohoterwa ry'umwana cyangwa gutereranwa kandi basabwe byibura rimwe mu myaka 4 kwitabira amahugurwa mu gutanga raporo yemejwe n'ishami. Amahugurwa aboneka kuri: <https://www.maine.gov/dhhs/ocfs/mandated-reporters.shtml>
7. Abita ku burere bagomba kwakira abantu bohererejwe na Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage hatabayeho ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igihugu umuntu akomokamo, igisekuruza, imyaka, igitsina, imyemerere cyangwa ibyo umuntu akeneye byihariye.
8. Gukusanya amafaranga atangwa na Ababyeyi:
 - a. Akira buri cyumweru amafaranga atangwa na ababyeyi nk'uko bivugwa mu ibaruwa y'ibihembo iri mu Nkunga mu Kwita ku Burere bw'Abana.
 - b. Igiciro cy'igiteranyo cy'igipimo cy'asabwa ntikiba kirenga asabwa na abita ku burere bw'abana mu gihe serivisi bahabwa zingana.
 - c. Bikira neza igitabo gikubiyemo fagitire z'amafaranga yose wahawe na ababyeyi bahabwa inkunga y'Uburere bw'Abana kandi uhe ababyeyi inyemezabwishyu z'amafaranga ababyeyi bishyuye.
 - d. Ishyura mu minsi itarenze mironko itatu (30) ababyeyi amafaranga y'ikirenga yishyuye.
9. Gusubizwa amafaranga
 - a. Kugira ngo bikorwe, hagomba kuzuzwa urupapuro rwishyuzwa rwa Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage, ruriho umukono kandi rukoherezwa kabiri mu cyumweru hakoreshejwe iposita, imeyiri, ku rubuga cyangwa fagisi. Uwita ku burere bw'abana agomba kohereza impapuro zishyuzwa z'ibyumweru bishize bitarenze kuwa Gatanu saa kumi n'imwe (5:00) za nimugoroba no kuwa Gatatu saa sita z'amanywa (12:00).
 - b. Abita ku burere bw'abana ntibashobora kohereza impapuro zishyuzwa zishaje n'izakusanyijwe zirengeje iminsi (60).
 - c. Uwita ku burere bw'abana agomba kwandika no gutunga inyangirakuru igaragaza iminsi n'amasaha umwana amarana n'uwita ku burere bw'abana. Ubu buryo kandi bugomba kwandika abasibye nta mpamvu n'abasibye bafite impamvu zumvikana kuri buri mwana uri ku rutonde rw'abitabiriye. Ababyeyi bagomba gushyira umukono kuri ubwo bwitabire nk'ikimenyetso ko bemeye umubare w'amasaha umwana yamaze buri cyumweru ahabwa uburere. Ubwitabire bwa buri muni bugomba kubikwa byibura mu gihe cy'imyaka itatu (3).
 - d. Kugira ngo babashe gukurikirana ko umwana ahabwa uburere mu buryo buhoraho, Ibiro bibishinzwe biha uwita ku burere bw'abana amafaranga y'iminsi y'ikiruhuko yemewe n'Igihugu, bimwishyurira amahugurwa byibura y'iminsi ine (4) n'ikiruhuko buri mwaka cy'icyumweru kimwe (1) cy'abita ku burere bw'abana mu gihe cy'amezi (12).
 - e. Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage ifite uburenganzira busesuye bwo gukora igenzura mu kazi ritandukanye mu buryo butunguranye cyangwa gusuzuma igenzura akozwe ku bita ku burere bw'abana bahabwa Inkunga ku Burere bw'Abana.
 - f. Amategeko y'igihugu ateganyaga ko ushobora gufatwa nk'umukozi w'umubyeyi uhabwa umushahara wo hasi kandi ntiwishyure imisiro kandi ugasabwa kuzuzwa ibisabwa mu itegeko rigena inozwa ry'umurimo
10. Gutanga amakuru

- a. Iyo uwita ku burere bw'abana amenyesheje Ishami ko umwana yasibye amasaha arenze makumyabiri mu kwezi ku mpamvu zitemewe (20), umubyeyi yohererezwa urwandiko rusobanura amabwiriza agenga Gusiba Bitihanganirwa. Iyo umwana asibye ibyumweru bibiri (2) bikurikirana ku mpamvu zimwe zumvikana, Uwita ku Burere bw'Abana agomba kubanza kwemererwa mu nyandiko n'Ishami kugira ngo akomeze gutanga amafaranga agenwa mu Nkunga y'Uburere bw'Abana.
 - i. **Gusiba byemewe** bivuga kutaboneka ahatangirwa uburere bw'umwana iminsi irenze ibiri (2) mu kwezi nta mpamvu zumvikana cyangwa utarabyemerewe n'Ishami ribishinzwe.
 - ii. **Impamvu yumvikana** ni impamvu zemewe n'Ishami ribishinzwe z'uko umwana ashobora gusiba gahunda y'Uburere bw'Abana zirimo, ariko zitagarukira: iminsi y'ikiruhuko y'igihugu/Leta, Iminsi y'ikiruhuko cy'ababyeyi, ibihe bibi nk'urubura rutuma amashuri yo mu gace afungwa, uburwayi bw'umwana cyangwa umwe mu bagize umuryango we ba hafi, kubonana n'ibibazo by'ibinyabiziga bituma umubyeyi atabasha kugeza umwana aho ahererwa uburere, gusurwa kw'imiryango: Ibibazo bitunguranye mu miryango birimo ariko bitagarukira ku kubagwa, kwivuza, cyangwa impanuka cyangwa ibiza bigira ingaruka ku miryango nk'inkongi z'umuriro, umuyaga w'ishuheri, cyangwa impanuka.
 - iii. Mu biruhuko byo mu mpeshyi, abana batari kwitabwaho kubera amasezerano yo gusurwa, bizaba ngombwa ko CCSP yabo mu gihe cyo "gutegereza".
- b. Hita umenyesha Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage igihe umubyeyi ahagaritse kohereza umwana aho ahererwa uburere mbere y'uko itariki ntarengwa yemewe mu ibaruwa y'igihembo cy'inkunga ku Burere bw'Abana cyangwa amasezerano y'impande zombi irangira. Garagaza niba ababyeyi barishyuye amafaranga yose y'ibyumweru 2 bishize.
- c. Menyesha Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'Abaturage n'umubyeyi byibura mu gihe cy'iminsi cumi n'ibiri (12) ko uzahagarika umurimo.
- d. Abana bafatwa ko bafite imyaka yo kujya ku ishuri igihe bujuje imyaka (5) ku itariki ya 15 Ukwakira cyangwa mbere yayo, keretse Ishami ryamenyeshejwe ko umwana azajya ku ishuri, kwishyura hashingiwe ku myaka y'ishuri ni byo bizakurikizwa;
- e. Ku banyeshuri bujuje imyaka y'ishuri, uburere butangwa igihe cyose buzakurikizwa ku biruhuko by'amashuri. Ku bahabwa uburere rimwe na rimwe, igice, kimwe cya kane bashingira ku kazi k'ababyeyi na gahunda z'ishuri ry'umwana.

11. Kubika amakuru

- a. Bika neza mu gihe cy'imyaka itatu (3) amabaruwa y'ibihembo biri mu Nkunga ku Burere bw'Umwana yakoreshejwe buzuza impapuro zishyuzwa.

- b. Emerera Ishami rishinzwe Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage uburenganzira bwo kureba inyandiko zose (zirimo inyemezabuguzi, ibitabo by'amasomo, n'ubwitabire).
- c. Gira ibanga inyandiko zose n'makuru arebana n'ababyeyi na/cyangwa n'abana usibye izemejwe n'Ishami rishinzwe Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage ko zabonwa n'abakozi cyangwa abakozi b'ikigo abyemerewe n'amategeko y'igihugu cyangwa Leta

12. Ibiciro

- a. Igiciro (ibiciro) cy'amasezerano ku nkunga birakurikizwa igihe cyose aya Masezerano amara. Mu gihe umubyeyi agaragaje ko hari ibiteye impinduka zigaragara no mu kurihisha ababyeyi cyangwa kwishyura Inkunga ku Burere bw'Abana, impinduka zitangira gukurikizwa nyuma yo kugena bundi bushya uburyo bwo kwemererwa no gushyira mu bikorwa igihembo gishya cy'Inkunga ku Burere bw'Abana.
- b. Ibiciro by'inkunga y'umubyeyi mu Burere bw'Abana ntibigomba kuruta ibyo ababyeyi bigenga mu gihe bakora mu bwoko bumwe bwa gahunda. Iyo uwita ku bana asaba ko hishyurwa rimwe, amafaranga yo kwiyandikisha, amafaranga asaba ishuri yishyurwa n'ababyeyi bose, umubyeyi niwe wiyishyurira aya mafaranga yose.
- c. Iyo bamaze kwandikwa, amafaranga yonyine umubyeyi uhabwa Inkunga ku Burere bw'Abana asabwa kwishyura ni amafaranga y'ababyeyi ukuyemo ayanditse mu mategeko y'Inkunga ku Burere bw'Abana. Nta yandi mafaranga cyangwa ikiguzi bicibwa umubyeyi. Amafaranga y'ababyeyi ashobora gusa ku byumweru CCSP iba yahawe fagitire gusa.
- d. Kugira ngo babashe kwandika no kwishyura, impinja, ibitambambuga, n'abana bitegura kujya mu ishuri, igihe cyuzuye ni amasaha mirongo itatu (30) cyangwa arenze mu cyumweru, hari abiga amasaha ari hagati ya makumyabiri (20) ariko ari mnsi ya (30) mu cyumweru, abiga igice ni hagati y'amasaha icumi (10) ariko ari muni y'amasaha makumyabiri (20) ku cyumweru n'abandi biga hagati y'isaha irenze imwe (1) ariko akaba ari amasaha ari muni y'icumi (10). Kwishyura bihura n'aya masaha.
- e. Kugira ngo babashe kwandika no kwishyura abana biga, igihe cyuzuye ni amasaha mirongo itatu (30) cyangwa arenga mu cyumweru, hari abiga amasaha ari hagati ya cumi n'imwe (11) ari muni ya 30 mu cyumweru, abiga igice ni amasaha ari arenga atadatu (6) ariko ari muni ya cumi n'imwe (11) mu cyumweru n'abiga hagati y'isaha imwe (1) ariko akab ari muni y'amasaha 6 mu cyumweru. Kwishyura bihura n'aya masaha.
- f. Inkunga ku Burere bw'Abana ishobora gukomeza kugera ku myaka cumi n'ibiri (12) cyangwa cumi n'itatu (13) mu gihe igihembo kigifite agaciro kandi harimo n'abana bari hagati y'imyaka cumi n'itatu (13) na cumi n'umunani (18) ariko umunyamwuga ubuhugukiwemo kaba yaragennye ko ari umwana ufite ubumuga.

13. Inshingano z'ishami

- a. Iyo ifishi yo kwishyura y'Uwita ku Burere bw'Abana ikoze neza maze rukagezwa mu Ishami ribishinzwe mu gihe cyagenwe muri aya Masezerano y'Uwita ku Burere, Ishami ryishyura Uwita ku Burere bw'Abana mu gihe kitarenze iminsi (21).

- b. Guha Uwita ku Burere bw'Abana kopi imenyekanisha ry'ihagarikwa ryahawe umubyeyi cyangwa hagakoreshwa ubundi buryo bwo kumenyekanisha mu gihe amakuru akomeye atagomba gusangizwa Uwita ku Burere bw'Abana.

14. Gusura Ahakorerwa

- a. Kwemerera abakozi b'Ishami rishinzwe Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage gusura ahakorerwa. Gusura ahakorerwa bikorwa hakoreshejwe tombola kandi mu buryo butunguranye no gusura wabiteguye.
- b. Gukangurira umubyeyi n'umwana gusura ahakorerwa mbere yo kwemererwa.
- c. Gukangurira umubyeyi kugira uruhare, kwemerera ababyeyi gusura igihe cyose babyishakiye no guha ababyeyi amakuru arebana n'ibikorwa abana bakorera muri gahunda.

*Reba urutonde rwo gukurikirana Ubuzima n'Umutekano bw'Uwita ku Burere bw'Abana bitabaye ngombwa ko basaba uburenganzira.

URUTONDE RWO GUKURIKIRANA UBUZIMA N'UMUTEKANO BY'UWITA KU BURERE BW'ABANA BITABAYE NGOMBWA KO ASABA UBURENGANZIRA

Menya ko ugomba kubahiriza ibikurikira byose.

- Kwemerera Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage kugenzura amazu nkoreramo nita ku burere kandi umukono wanjye nirwo ruhushya rwo kwinjira no kugenzura amazu.
- Gukora ku buryo uwita ku burere, nyir'amazu, umuyobozi n'abakozi bose bafite uruhare rutaziguye ku burere bafite mu bu biko amabaruka agaragaza ko bafite ubudakemwa.
- Gukora ku buryo uwita ku burere akoresha uburyo bwiza bwo kuyobora umwana/abana.
- Gukora ku buryo abana bose bagenzurwa n'uwita ku burere bw'abana igihe cyose, birimo kubakurikiranira hafi mu ishuri, abareba kandi anabatega amatwi, kubagenzura (harimo koga) byakorwa hifashishijwe amaso.
- Mu gihe uwita ku burere yemerewe na Gahunda y'Inkunga ku Burere bw'Abana gutwara abana ku ishuri, uwita ku burere agomba:
 - Kuba afite uruhushya rwo gutwara rwemewe.
 - Kubahiriza amategeko yose yo gutwara ibinyabiziga, harimo gukoresha intebe n'imikandara yazo.
 - Kubahiriza amategeko ya Leta ya Maine abuza kunywera itabi mu modoka uri kumwe n'abana bari muni y'imyaka cumi n'itandatu (16).
- Kugira telefoni ikora mu nzu y'uwita ku burere bw'abana.
- Inyubako n'ahantu hakorerwa bigomba kuba bitekanye kandi nta mpanuka zayigwirira, amazi n'uruja n'uruza rw'ibinyabiziga. Ibintu byose byatera impanuka bigomba kwigizwa kure y'abana.
- Intwari n'amasasu bigomba kubikwa ahantu hatandukanye, bifungiranye kandi kure y'aho abana bagera.
- Ingamba zanditse ku myiteguro y'Ibyihutirwa ni ngombwa kandi igomba kuba ikubiyemo byibura ibikurikira:
 - Amakuru ku buryo bwo kugera ku mubyeyi n'abandi igihe byihutirwa.
 - Ibyifashishwa mu butabazi bw'ibanze n'agatabo kabisobanura.
 - Uruhushya rwanditse rw'umubyeyi wa buri mwana rutanga uruhushya rwo kujyana umwana kwa muganga mu gihe byihutirwa.
 - Uburyo bwo guhita umenyesha umubyeyi igikomere cyose gikeneye kuvurwa byihutirwa.
 - Gusobanukirwa neza uburyo bwo kwirinda no kumenya uko witwara igihe habaye ibibazo byihutirwa bitewe n'ibiryo cyangwa ubwivumbure bw'umubiri.
 - Uburyo bwo gusohora abantu, kubimura, kubafungirana, guma mu rugo ndetse no kugaragaza uko uburyo buri kimwe kitojwe (byibura rimwe mu mwaka).

Kubahiriza amabwiriza ngenderwaho mu guhangana n'umuriro n'andi makuba/uburozi bisaba:

- Ahatangirwa uburere hagomba kuba hari ibyuma byo gutata umwotsi bikora neza kandi bitahinduwe.
- Kugira imiryango ibiri (2) byibura ikora neza kandi itabangamiwe nk'inzugi zikinze, ububiko, cyangwa ibintu binini biri hafi bishobora kugwa bikaba byafunga aho basohokera.
- Ibikoresho byo kuzimya umuriro bimeze neza kandi bishobora kugerwaho n'abantu bakuru.
- Uburenganzira bwanditse bw'umubyeyi w'umwana bwo guha umwana imiti itararangije igihe cyangwa imiti atandikiwe na muganga.
- Gukaraba intoki bikorwa igihe cyose uvuye mu bwihereho no guhindura amaranji na mbere yo gutegura amafunguro.

Kopi y'amakuru ya buri mwana yo gukingirwa.

Gahunda zo kuryama neza zigomba gushyirwa mu bikorwa ku bana kandi ziteganywe ko umwana aryamishwa agaramye, kuri matola ikomeye kandi ahantu hatari ibyatera impanuka nko kunigwa no kubura umwuka.

Ibintu byose byatuma umuntu abura umwuka/kumira ibintu byaguteza ibyago bigomba kwigizwa kura y'abana.

Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage ishobora kugenzura niba uwita ku burere bw'abana yubahiriza ibisabwa byose hejuru. Abita ku burere bw'abana batabyubahiriza bahawe iminsi mirongo itatu (30) yo kubikora. Iyo bikomeje kutubahirizwa nyuma y'iminsi (30), ashobora guhagarikwa muri gahunda y'Inkunga ku Burere bw'Abana.

Janet T. Mills
Governor

Jeanne M. Lambrew, Ph.D.
Commissioner



Maine Department of Health and Human Services
Child and Family Services
11 State House Station
2 Anthony Avenue
Augusta, Maine 04333-0011
Tel.: (207) 624-7900; Toll Free: (877) 680--5866
TTY: Dial 711 (Maine Relay); Fax: (207) 287--6308

Amasezerano y'uwita ku burere bw'abana bitabaye ngombwa koabisabirauburenganzira

Amazina y'uwita ku burere w'abana: _____

Aho atuye: _____

Iposita: _____

Igihugu: _____ Nimero ya telefone: _____ Fagisi: _____

Ururimi: _____ Imeyiri: _____

Nimero y'ubwiteganyirize / EIN: _____ Itairiki y'amavuko: _____ Nomero ya fagitire: _____
(Uwita ku burere bw'abana kuri ubu gusa)

Ubwoko bw'uwita ku burere bw'abana (shyira mu ruziga):

Utangira uburere bw'abana mu rugo (Mu rugo rw'ababyeyi)

Uwita ku burere bw'abana bitabaye ngombwa ko abalsabira uruhushya

Gahunda yo kwidagadura

Haribwo wigeze guhanwa n'Urwego Rutanga Uruhushya rwo kwita ku burere bw'Abana? Oya Yego

Niba ari yego, tanga Itairiki wahereweho Igihano na nimero y'uruhushya _____
Usabwe gushyiraho Igiciro cy'Ikiguzi usaba mu gihe cy'amasaha agaragazwa. Mu gihe igiciro cyaba kituzuye, uzahabwa Igiciro gikoreshwa ku masoko.

	Igiciro ku gihe cyose	Igiciro cy'Igice	Igiciro ku gihe cy'Igice	Igiciro kuri kimwe cya kane
Uruhinja (Ibyumweru 6 kugeza ku mezi 13).	Hejuru y'amasaha 30 mu cyumweru	Amasaha 20-29 ku cyumweru	Amasaha 10-19 ku cyumweru	Amasaha 1-9 ku cyumweru
Igiciro cy'Igitambambuga (amezi 13 nkugeza ku mezi 36)	Hejuru y'amasaha 30 mu cyumweru	Amasaha 20-29 ku cyumweru	Amasaha 10-19 ku cyumweru	Amasaha 1-9 ku cyumweru
Amasaha y'abitegura kujya mu Ishuri (36 mo. KU Biyandikishije mu Ishuri ry'Incuke)	Hejuru y'amasaha 30 mu cyumweru	Amasaha 20-29 ku cyumweru	Amasaha 10-19 ku cyumweru	Amasaha 1-9 ku cyumweru
Ugejeje Igice cyo gutangira Ishuri (wiyandikishije mu Ishuri)	Hejuru y'amasaha 30 mu cyumweru	Amasaha 11-29 ku cyumweru	Amasaha 6-10 ku cyumweru	Amasaha 1-5 ku cyumweru

Ese uca amafaranga yo kwiyandikisha? Yego Oya

Amatariki yo gushyira mu bikorwa Amasezerano y'Uwita ku Burere bw'Abana

Ibiciro bya Gahunda y'Inkunga ku Burere bw'Abana ntibitangira gukurikizwa kugeza igihe byemejwe na Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage kandi ibiciro bishobora guhinduka buri mwaka cyangwa aya Masezerano arangiye. Aya masezerano atangira gukurikizwa ari uko ashyizweho umukono n'impande zombi.

Aya masezerano azatangira gukurikizwa guhera 07/05/2024 ubwo Amasezerano mashya azashyirwaho umukono mu gihe gutanga serivisi bizaba gigikomeje. Amasezerano ashobora guseswa umwe mu mpande zombi abisabye mu nyandiko ko byakorwa mu minsi (12) cyangwa agahagarikwa ako kanya mu gihe ari igikorwa kihutirwa cya Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage.

Nsobanukiwe neza ko ninjije muri aya Masezerano nk'umuntu wigenga ugize, kandi nkaba ntashobora gufatwa nk'umukozi wa Leta cyangwa Igihugu. Niyemeje kandi kurinda Leta n'igihugu ibintu byose byakwangiza umuntu /abantu cyangwa imitungo mu gihe serivisi zivugwa muri aya masezerano zizaba zirimo gutangwa.

Mpaye Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage uburenganzira bwo gukoresha amakuru bafite n'ayo mu Biro bishinzwe Ibinyabiziga ajyanye n'ubushobozi bwanjye bwo kwita ku burere bw'abana.

Nsobanukiwe neza amabwiriza akubiye muri aya Masezerano kandi niyemeje kuyakurikiza uko yakabaye. Ndemeza kandi ko igiciro/ibiciro byanditse ari ibyemejwe hashingiwe ku mabwiriza y'inkunga ku Burere bw'Abana. Nsobanukiwe ko Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage nimara gusuzuma amakuru ku biciro hazatangwa ibisobanuro bishimangira icyo giciro/iby biciro cyangwa se ibiciro bikazasubirwamo bibaye ngombwa.

UMUKONO NI NGOMBWA: Shyiraho umukono, itariki ubitugarurire

Ndemeza nta kinyoma ko amakuru natanze hejuru ari ay'ukuri. Nsobanukiwe ko aya makuru azahabwa Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage kugira ngo akoreshwe mu kazi k'iyi gahunda. Mpaye ibi Biro uburenganzira bwo kugenzura aya makuru bifashishije uburyo ubwo aribwo bwose.

Umukono w'Uwita ku Burere bw'Abana

Itariki

Umukono w'umukozi wa Minisiteri y'ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage muri Maine

Itariki

► Garura ifishi yujuje kuri:

Child Care Subsidy Program
2 Anthony Avenue
11 State House Station
Augusta, ME 04333-0011

IMEYIRI CCSP.DHHS@Maine.gov
Cyangwa **FAGISI 207-287-6308**

Janet T. Mills
Governor

Jeanne M. Lambrew, Ph.D.
Commissioner



Maine Department of Health and Human Services
Child and Family Services
11 State House Station
2 Anthony Avenue
Augusta, Maine 04333-0011
Tel.: (207) 624-7900; Toll Free: (877) 680--5866
TTY: Dial 711 (Maine Relay); Fax: (207) 287--6308

Serivisi z'ingendo

Niba wifuza gutwara abana bawe. Porogamu y'inkunga ku burere bw'abana isaba ikinyabiziga kibanza gukorerwa igenzura. Uzuza amakuru akurikira:

Izina
Izina ry'umugore mbere y'uko ashyingirwa
Itariki y'amavuko.
Aderesi

Ibintu nikurikira bishobora gutuma utemererwa gutwara abana. Guhamwa n'icyaha cyo gutwara wanyoye inzoga cyangwa gushyira mu kaga mu gihe cy'imyaka itatu (3), Guhamwa n'icyaha cyo gutwawara wanyoye inzoga inshuro irenze imwe (1), icyaha cya nyuma kikaba giheruka kuguhama mu myaka itanu (5) ishize; itatu (3) cyangwa kuba warahamwe n'ibyaha byinshi mu myaka (5) ishize bijyanye n'umuvuduko ukabije wa mayiro (20) ku isaha wariyemeye umuvuduko ntarengwa kandi ushizwe kwita ku burere bw'abana. Uruhushya rwo gutwara imodoka rw'Ushinzwe kwita ku burere bw'abana rwahagaritswe mu gihe cy'ubusabe.

Iyo byemejwe uhabwa, ibaruwa ikwemerera gutwara igomba kubikwa mudi dosiye kugira ngo isuzumwe. Igihe cyose habayeho ivugururwa ry'Amasezerano y'Uwita ku burere bw'abana hagomba kugenzurwa uruhushya rwo gutwara.

Umukono:
Itariki:



LETA YA MAINE
MINISITERI Y'UBUZIMA NA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Serivisi zishinzwe umwana na umuryango

Gahunda y'inkunga yo kwita ku bana - Urupapuro rw'amakuru y'utanga serivisi zo kwita ku bana

Uwita ku burere bw'uwma wawe musabe yuzuze iyi fishi

Uwita ku burere bw'abana ushinze kuzuzwa	
1. Izina ry'umubyeyi	
2. Izina/amazina y'umwana/abana:	
3. Ni ryari umwana yitezwe kwitabira gahunda yanyu?	
Amakuru y'uwita ku burere bw'abana	
1. Izina ry'ubucuruzi:	2. Urugero rwa QRIS rwawe ni uruhe:
3. Izina ry'uwo kuvugisha:	4. Nimero ya telefone:
5. Aderesi:	
6. Aderesi imeyiri:	
7. Waba witabira Uburyo Maine ikoresha mu kunoza imikorere no guha amanota ubuziranenge bwa serivisi zo kwita ku bana? <input type="checkbox"/> Yego <input type="checkbox"/> Oya	
8. Ubwoko bw'uwita ku burere bw'abana: (Hitamo muni)	
<input type="checkbox"/> Ubifitiye uruhushya	Nimero y'icyemezo cy'uruhushya:
<input type="checkbox"/> Uwita ku burere bw'abana bitabaye ngombwa ko abaisabira uruhushya	*Inyandiko zo kugenzura ubudakemwa zishobora gufata iminsi igera kuri 45 * *Hazoherezwa izindi nyandiko zo kuzuzwa*
<ul style="list-style-type: none"> • Agomba kuba afite imyaka 18 kandi ntabwo atura hmwe n'aho umwana atuye); kandi • Ashobora kwita ku bana babiri (2) byibuze • Agomba kuba atuye muri Maine mu gihe cy'amezi 6 	
Vivura hamawe:	
Mu rugo <i>rw'Uwita ku burere bw'abana:</i> <input type="checkbox"/> Nta sano bifitanye	<input type="checkbox"/> Bifitanye isano (ugomba kugaragaza isano) _____
Aho <i>Umwana atuye:</i> <input type="checkbox"/> Nta sano bifitanye	<input type="checkbox"/> Bifitanye isano (ugomba kugaragaza isano) _____
Gahunda y'abanyeshuri bujuje imyaka y'ishuri/Imyidagaduro <input type="checkbox"/>	

Mu gushyira umukono muni uba wemeye ko Gahunda y'inkunga ku burere bw'abana itishyura ibirarane kandi ko umubyeyi afite inshingano yo kwishyura amafaranga yose kugeza ahawe ibaruwa y'igihembo. Niba uri Uwita ku burere bw'umwana mushya muri gahunda y'inkunga ku burere bw'abana uzagenda wakira izindi mpapuro ukwiriye kuzuzwa.

Amazina y'abita ku burere bw'abana: (Andika mu nyuguti nkuru): _____ Ururimi ushaka: _____

Umukono w'uwita ku burere bw'abana: _____ Itariki: _____

*** Umukono ni ngombwa-Shyiraho umukono, itariki maze uyigarure kuri iyi aderesi:**

**Department of Health and Human Services
Office of Child and Family Services
Child Care Subsidy Program
2 Anthony Avenue
11 State House Station
Augusta, ME 04333-0011**

Telefone (207) 624--7999

Fagisi: (207) 287--6308

Nimero itishyurwa: 1-877-680-5866

Imeyiri: CCSP.DHHS@Maine.gov

Abakoresha telefone y'abafite ubumuga bahamagara nimero ya Maine itangirwaho ubufasha 711



Leta ya Maine Substitute W-9 & Ifishi itanga uruhushya y'utanga serivisi

INTEGO: Gushyiraho cyangwa kuvugurura konti muri sistemu y'icungamari ya Maine. Uzuza iyi fishi niba: 1) Uzihyurwa na Leta ya Maine, na /cyangwa 2) uha serivisi cyangwa ibicuruzwa Leta ya Maine.

Iyi fishi isimbura ifishi ya IRS W-9 hakurikijwe ururimi rukoreshwa muri IRS W-9; "Iyo utanga ubusabe agahaye ifishi itari W-9 agusaba TIN (nimero iranga umusorehwa), ugomba gukoresha ifishi y'uwatanzwe ubusabe oniba isa cyane n'iyi Fishi W-9."

BIGARURE KURI
Ukoresheje iposita ku kigo cyasabye ifishi cyangwa cyayikohereje, cyangwa ikigo uri gukorana ubucuruzi na cyo. (urugero.. DHHS/ umurimo/DEP/ Uburezi/n'ibindi)

Ibintu byose biriho akanvenveri (*) bigomba kuzuzwa.

UBWOKO BW'UBUSABE*: (ugomba guhitamo bumwe.)

- | | | | | |
|----------------------------------|---|--|--|---|
| <input type="checkbox"/> Ubusabe | <input type="checkbox"/> Ahantu hashya/Ikindi | <input type="checkbox"/> Hindura (Hitamo) | <input type="radio"/> Izina ryemewe n'amategeko | <input type="radio"/> Izina ubucuruzi bwanditseho |
| <input type="checkbox"/> Bushya | <input type="checkbox"/> Kinjizwa | <input type="radio"/> Aderesi yo kwishyuriraho | <input type="radio"/> Aderesi yo gutumirizaho ibicuruzwa | <input type="radio"/> Uwo wahamagara |

TNIMERO IRANGA UMUSORESHWA* (TIN) (Tanga IMWE gusa)

Nimero y'ubwiteganyirize (SSN) - - **CYANGWA** Nimero iranga umukozi wa Leta (FEIN) -

Ubwoko bw'ikigo * hitamo KIMWE icy'umuntu **CYANGWA** kibarirwa mu rwego rw'

Isosiyete * Cy'umuntu ku giti cye Bwite Ikigo Inyamahanga (W8 ni ngombwa) Ubufatanye
hitamo KIMWE Umunyamahanga utari umuturage w'Amerika Umutungo Guverinoma ya leta Izindi leta Ibindi

IZINA RYEMEWE N'AMATEGEKO (Ugomba gutanga: Izina ryemewe n'amategeko hamwe n'ishami ry'ishyura imisoro mu gihugu ibere(IRS) bihuje na nimero ikuranga, Nimero y'witeganyirize (SSN)=Izina ry'irikirisitu & ry'umuryango, Nimero iranga umukresha wa Leta (FEIN)=Izina ry'ubucuruzi)

Izina ryemewe n'amategeko* Rizwi nka/Gukora ubucuruzi mu

Andi makuru Nimero yutanga serivisi iyo kwita ku bakiriya (niba izwi) VC#/VS# Konti/Umukiriya/Nimero y'Uwita ku burere bw'abana (niba izwi)

Aderesi yo kwishyurwaho* Aderesi nishyuriraho yanjye Ubuyobozi. Aderesi ni imwe.

Aderesi Bimen yeshej
Umujyi/Leta/Iposita Telephone

Uwo wahamagara*

Izina Telephone Ext
Imeyiri Nyohereza imenyesha rya imeyiri rigaragaza igihe amafaranga yohererejwe hakorejwe ikoranabuhanga (DD/EFT) (bisaba kwishyura mu buryo butaziguye:/Ifishi yo kohererezaho amafaranga hakorejwe ikoranabuhanga (EFT) igomba kuzuzwa)

Procurement/aho atuye* Aderesi nishyuriraho yanjye Ubuyobozi Aderesi ni imwe.

Aderesi Bimen yeshej
Umujyi/Leta/Iposita Telephone

Uwo wahamagara*

Izina Telephone Ext
Imeyiri

Umukono wemewe, icyo ukora & itariki y'uyu muni*

Ndemeza nta kinyoma ko: 1) Nimro yagaragajwe kuri iyi fishi ari nimero y'ukuri indanga nk'umusorehwa, kandi 2) Sinsonewe kwishyura umusoro kubera ko (a) Nsonewe kudatanga umusoro, cyangwa (b) Sinigeze menyeshwa na IRS ko ndebwa no kutishyura umusoro biturutse ku kuba narananiwe kugaragaza inyungu yose cyangwa urwunguko rugabanwa, cyangwa (c) IRS yamenyesheje ko ntakirebwa n'ibyo kutishyura umusoro, cyangwa 3) nkaba ndi umuturage w'Amerikaze cyangwa undi muntu wo muri Amerika (usobanurwa na IRS). Wakwifashisha: www.irs.gov

AHAGENEWE Amakuru ku kigo cya leta cyohereje ifishi y'utanga serivisi AHAGENEWE UBUYOBOZI
Ikigo cya leta & SHS # Izina ry'uwo wahamagara mu kigo & icyo akora Telephone y'uwo wahamagara #

**LETA YA MAINE
UTANGA SERIVISI MUSHYA & IFISHI IVUGURUYE Y'UTANGA SERIVISI
AMABWIRIZA**

1. UBWOKO BW'UBUSABE
 - a. Ni BUSHYA?
 - b. Kongeraho ahantu? (Ikinjizwa cyungirije ubusanzwe.)
 - c. IMPINDUKA ku busanzwe? Vivura ubwoko.
2. NIMERO IRANGA UMUSORESHWA WA LETA
 - a. Iyi ni numero y'ubwiteganyirize yawe niba uri umuntu ku giti cyawe kandi wishyurwa nk'umuntu ku giti cye. CYANGWA
 - b. iyi ni Numero iranga umukoresha (EIN) niba uri isosiyete kandi ukaba wishyurwa nk'isosiyete.
 - ❖ ICYITONDERWA hitamo KIMWE cyangwa ikindi ariko ntuhitemo byombi. Niba Kimwe kitatanze ifishi NTabwo ikorwaho
3. UBWOKO BW'IKIGO
 - a. Umuntu ku giti cye niba watanze numero y'ubwiteganyirize (SSN) hejuru.
 - b. Isosiyete niba watanze EIN haruguru.
 - ❖ ICYITONDERWA hitamo kimwe gihuye na numero iri hejuru yacyo. (reba utwambi)
4. UBWOKO BW'ICYICIRO
 - a. SSN = Umuntu ku giti cye = Umuntu ku giti cye / Ufite ubucuruzi ku giti cye. /Umunyamahanga udatuye muri Amerika ~ (Koresha ry'irikirisitu & ry'umuryango ry'umuntu mu mwanya wagenewe izina ryemewe n'amategeko.)
